# UMUCYO UTURUKA MU BUTURO BWERA




Icyigisho cya 8 cyo ku wa
25 Gicurasi 2024



"Mu byo tuvuga igikomeye ni iki ngiki: Dufite umutambyi mukuru umeze atyo wicaye iburyo bw'intebe y'Ikomeye cyane yo mu ijuru, ukorera Ahera ho mu ihema ry'ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n'Umwami Imana"

(Abaheburayo 8:1, 2)

Ubwo abantu bari bategereje Yesu mu 1844 ntagaruke, nk'uko bigaragazwa n'ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 n'ubw'iminsi 2300, byabaye ngombwa ko bongera kwiga ubuhanuzi. Babonye ibi:




Kweza Ubuturo Bwera ntabwo ari byo byari Kugaruka kwa Yesu. Niba Daniyeli 8:14 n'urubanza rwo muri Daniyeli 7:9–10 byaravugaga ikintu kimwe, ni ubuhe Buturo Bwera bwagombaga kwezwa? Ku rundi ruhande, ni uruhe rubanza rwashoboraga gutangira mu 1844?

- Ubuturo Bwera bw'ukuri.
- Kwezwa k'Ubuturo Bwera.
- Urubanza.
- Imbabazi n'ubutabera.
- Umucamanza n'Umuvugizi.

# UBUTURO BWERA BW'UKURI

"ukorera Ahera ho mu ihema ry'ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n'Umwami Imana"
(Abaheburayo 8:2)

Niba ubuturo bwera bwagombaga kwezwa atari Isi, ni ubuhe?

Ubwo Abadiventisiti bigaga Bibiliya nyuma yo kubura ibyari byitezwe mu 1844, bavumbuye ko hari Ubuturo Bwera bubiri:





- Ubuturo Bwera bwo ku isi, igishushanyo n'igicucu cy'ubw'ukuri (Abaheburayo 8:5)
- Ubuturo Bwera bwo mu ijuru, bwubatswe n'Imana ubwayo (Abaheburayo 8:2)

Ubuturo Bwera bwa mbere, ndetse n'insengero zayikurikiye kugeza muri 70 NK, byubatswe hakurikijwe icyitegererezo Imana yeretse Mose (Kuva 25:40). Muri bwo hashushanywaga Umwana w'Intama nyakuri n'Umutambyi Mukuru nyakuri: Yesu (Yohana 1:36; Abaheburayo 4:14).



Icya mbere, Yesu yitanze kugira ngo akureho ibyaha byacu (Abaroma 5:8); kandi, icya kabiri, aradusabira, akadukiza ubutware bw'icyaha, akishingira agakiza kacu (Abaheburayo 7:25).





# KWEZWA K'UBUTURO BWERA



"Nuko ahongerere Ahera ku bwo guhumana kw'Abisirayeli kwinshi, no ku bw'ibicumuro byabo ku bw'ibyaha bakoze byose" (Abalewi 16:16a)

**Nubwo Abisirayeli bababarirwaga kubwo gutamba ibitambo byabo, icyaha cyabo "cyimurirwaga" ku Buturo Bwera. Kubw'ibyo, kwezwa kwabwo byari ngombwa. Ibi byabaga ku munsi w'impongano, uzwi no muri iki gihe mu Baheburayo nk'umunsi w'urubanza.**



**Buri wese yagombaga kwibabaza mu mutima we (Abalewi 23:27)**




**Nta mirimo isanzwe yakorwaga (Abalewi 23:28)**



**Umutambyi mukuru yinjiraga imbere y'Imana (Abalewi 16:12–13)**



**Isanduku, umwenda ukingiriza ahera n'igitereko cyacuzwe mu izahabu byezwaga n'amaraso y'ihene (Abalewi16:15–19, 33)**



**Ihene nzima isigaye yikoreraga ibicumuro ikoherwa mu kidaturwa (Abalewi 16:20–22)**



**Nuko bakezwaho ibyaha (Abalewi 16:30)**

**Iyo umuntu runaka atibabazaga muri uwo munsi, ngo yihane ibyaha bye, "yakurwaga" mu bwoko bwe (Abalewi 23:29–30). Iherezo rye ryashyirwagaho akadomo. Muri ubwo buryo, ubwo kweza Ubuturo Bwera bwo mu Ijuru bizaba birangiye, iherezo ryacu rizerekanwa ubudahinduka. Hagati aho, uyu ni wo munsi wo kwibabaza mu mitima yacu, ni umunsi wo gufata icyemezo (Abaheburayo 3:14–15).**


# URUBANZA





"Avuga ijwi rirenga ati 'Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasōko' " (Ibyahishuwe 14:7)

**Dukurikije ubuhanuzi, kwezwa k'Ubuturo Bwera bwo mu Ijuru–ni ukuvuga Urubanza–byatangiye mu 1844. Kuva icyo gihe, Itorero ry'Abadiventisiti ryatangaje mu ijwi rirenga ko isaha y'urubanza isohoye, rirarikira abantu bose kuramya Imana, no kubaho bakurikije amategeko yayo (Ibyahishuwe 14:7).**





Ariko se urubanza ntiruzabaho igihe Yesu azagaruka ku Isi (1Ngoma 16:33; 2Timoteyo 4:1)?

**Ubwo Yesu azaba aje, azarangiza imanza zamaze gucibwa, kuko azaza azanye "ingororano" zo kugororera "buri wese ibikwiriye ibyo yakoze" (Ibyahishuwe 22:12); Azatuma abamarayika Be guteraniriza hamwe intore Ze (Matayo 24:31), no kuzura abapfuye bamwizeye (1Abatesalonike 4:16). Menya ko abapfuye batizera batazazuka ubwo Yesu azaba aje, bityo ntibazasomerwa urubanza icyo gihe (Ibyahishuwe 20:4–5).**

# IMBABAZI N'UBUTABERA

"Intebe y'ubwami izakomezwa no kugira imbabazi kandi hariho uzayicaraho mu kuri, mu nzu ya Dawidi, ari umucamanza ukurikiza imanza z'ukuri, akabangukira gukora ibyo gukiranuka." (Yesaya 16:5)

Amategeko 10 yashyizwe mu Isanduku y'Isezerano yerekana amahame urubanza rugenderaho, ubutabera bw'Imana (Umubwiriza 12:13–14). Intebe y'ihongerero iri hagati y'amategeko n'ahabonekera ubwiza bw'Imana yerekana imbabazi z'Imana (1Yohana 2:1–2).



**Amaraso Ye yamijagiwe ku gicaniro cy'ibitambo byoswa**



Inzira igana mu Buturo Bwera bwo mu Ijuru itangirana no kwemera igitambo cya Yesu

**Amaraso Ye yamijagiwe ku gicaniro cyoserezwaho imibavu**



igakomereza mu mibereho yo kugirana umubano na Kristo

**Amaraso Ye yamijagiwe ku Mwenda ukingiriza, imbere y'isanduku**



ikanzurwa iyo ibyacu byerekanwe imbere y'Umucamanza


Ubutabera busaba kubahiriza Amategeko. Ubuntu bwemera imibereho itunganye ya Yesu mu mwanya wacu (1Petero 1:18–19). "Ibyo ni byo bimaze gutunganya rwose urukundo muri twe, kugira ngo tuzatinyuke ku munsi w'amateka, kuko uko ari, ari ko turi muri iyi si" (1Yohana 4:17).




# UMUCAMANZA N'UMUVUGIZI

"Ni cyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we, kuko ahoraho iteka ngo abasabire" (Abaheburayo 7:25)

Imibereho ya Yesu yerekanye urukundo Imana ifitiye isi y'impezamajyo ndetse n'isanzure yose ibireba. Urupfu Rwe rwagaragaje ugushishana kw'icyaha kandi ruhesha inyokomuntu yose agakiza. Kutuvugira Kwe mu Buturo Bwera bwo mu Ijuru bihesha inyungu z'imponngano buri wese uzisingira kubwo kwizera.







Mu mibereho yacu yose, ndetse rwose no mu gihe cy'urubanza, Yesu ni Umuvugizi wacu (1Yohana 2:1).





Umurimo wa Yesu mu Buturo Bwera bwo mu Ijuru utwigisha:

- Gusobanukirwa neza Inama y'Agakiza
- Ibisabwa n'amategeko y'Imana
- Igiciro kitagira akagero cy'agakiza kacu
- Inzira Yesu yaduharuriye itugeza kuri Data
- Umutuzo kubwo gushobora kwegera Imana tudatinya

Vuba bidatinze Urubanza ruzarangira, maze Yesu "aboneke ubwa kabiri atazanywe no kwitambira ibyaha, abonekerere abamutegereza kubazanira agakiza" (Abaheburayo 9:28).

**“Ubwo ibitabo by’ibyanditswe ku bantu byabumburwaga, imibereho y’abantu bose bizeye Yesu igaragazwa imbere y’Imana. Ahereye ku babanjirije abandi bose kuba ku isi, Umuvugizi wacu yerekana iby’ibisekuru byose byagiye bikurikirana, maze asoreza ku bakiriho. Izina ryose riravugwa, urubanza rwa buri wese rugasuzumanwa ubushishozi. Amazina amwe akemerwa, ayandi ntiyemerwe. [...]**

**Abantu bose bihannye ibyaha byabo by’ukuri, kandi kubwo kwizera bakisunga amaraso ya Yesu we gitambo cyabo gikuraho ibyaha, bagiriwe imbabazi maze zandikwa imbere y’amazina yabo mu bitabo byo mu ijuru. Kuko bahindutse abafite umugabane ku butungane bwa Kristo kandi imico yabo igasangwa ihuje n’amategeko y’Imana, ibyaha byabo byarahanaguwe, kandi bo bazasangwa bakwiriye guhabwa ubugingo buhoraho.”**

**E.G. White, *Intambara Ikomeye*, igice cya 28, p. 478)**

“Ubu duhagaze mu rugo rw’Ubuturo Bwera, dutegereje kandi dutumbiriye ibyo byiringiro by’umugisha, ari byo kuzaboneka k’Umwami n’Umukiza wacu Yesu Kristo mu cyubahiro cyinshi. […] Mu kudusabira Kwe nk’umuvugizi wacu, Kristo ntakeneye imicombonera cyangwa ubuvugizi by’umuntu uwo ari we wese. Ni We wenyine watwikorerereye ibyaha, ni We wenyine gitambo cy’icyaha. Gusenga no kwatura kwacu bigomba kwerekezwa gusa ku Winjiye rimwe rizima Ahera Cyane. Azakiza rwose abegerezwa Imana na We mu kwizera. Ahoraho iteka ngo adusabire.”

E.G. White, *Jesus Our Advocate*, November 1